Ubutumwa bwo kwishimira intsinzi ya Perezida wa Repubulika

Ubuyobozi bw'Ishyaka ry'abakozi mu Rwanda (PSR: Parti Socialiste Travailliste Rwandais/ Rwandese Labor Party) hamwe n'abayoboke baryo, bunejejwe no gushimira Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, intsinzi ishimishije mwegukanye mu matora y'umukuru w'igihugu, Abanyarwanda bongera kubagirira icyizere kuyobora u Rwanda muri manda y'imyaka irindwi iri imbere.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, intsinzi yanyu ni intsinzi y'Umuryango FPR-Inkotanyi, ni intsinzi ya PSR n'indi mitwe ya Politiki yabashyigikiye, ni intsinzi y'Abanyarwanda bose.

Intsinzi yanyu Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, ni agaciro k'u Rwanda ni agaciro k'Abanyarwanda bakomeje kwihesha ishema mu gihugu cyabo no mu ruhando rw'amahanga.

Ubuyobozi bw'ishyaka PSR n'abayoboke baryo, bubijeje Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, nk'uko dusanzwe dufatanya mu rugendo rwo kubaka igihugu no guteza imbere abanyarwanda, ntituzabatenguha kandi ntituzabatetereza haba mu buhanga, ubwenge, ubushishozi, kujya no kugisha inama, ubufatanye n'imbaraga mu kubaka u Rwanda twifuza.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, ubushishozi n'ubuhanga bihanitse bibaranga mu guhuza abanyarwanda bahuriye kuri Ndumunyarwanda ni igihango Ubuyobozi bw'ishyaka PSR n'abayoboke baryo tutazatatira mu kwimakaza imiyoborere myiza na Demokarasi bikomeje gutuma ijabo ry'u Rwanda riruhesha agaciro mu ruhando rw'amahanga.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, tubifurije uburame, ubusugire, imirimo myiza, no gukomeza inzira y'iterambere mu kubaka u Rwanda twifuza. Ntituzabatenguha!

Bikorewe i Kigali ku wa 08 Kanama 2017

Hon. Rucibigango Jean Baptiste

Perezida w'Ishyaka ry'abakozi mu Rwanda -PSR